CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**ITANGAZO RY'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA RISHISHIKARIZA ABAKRISTU GUKUMIRA, KWIRINDA NO KURINDA ABANDI ICYOREZO CYA KORONAVIRUSI CYATEYE KU ISI**

Mu rwego rwo gukumira no kwirinda kwandura indwara iterwa na koronavirusi, turasabwa gukurikiza amabwiriza yatanzwe n'inzego za Leta zishinzwe ubuzima mu Rwanda.

Turasaba ko mu materaniro yacu yo gusenga hakurikizwa aya mabwiriza atureba by'umwihariko :

1° Guhana amahoro ya Kristu ku mutima **gusa** nta guhana ibiganza cyangwa guhoberana ;

2° Mu gihe cyo guhazwa ni ugutega ibiganza nta guhazwa ku rurimi ;

3° Mu kwinjira mu Kiliziya ntibyemewe gukora aho amazi y'umugisha yabaga kuko ntayakirimo kugeza igihe ikibazo kizaba gikemutse.

Dukomeze dutakambire Imana ngo iturinde icyo cyago

Turakomeza gukurikirana uko bimeze ku buryo nibiba ngombwa tuzabagezaho andi mabwiriza.

Imana ibarinde kandi ibahe umugisha.

Bikorewe i Kigali, ku wa 07/03/2020.

✠ Antoine KAMBANDA
Arkiyepiskopi wa Kigali, Umuyobozi wa Kibungo na
Visi-Prezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *